K0210907



| | | |
|---|---|---|
| **IDENTIFICATION** | : | **0164 15 /03/94** |
| **DURÉE** | : | **60 MINUTES** |
| **QUALITÉ** | : | **BONNE** |
| **TRANSMISSION** | : | **RTLM** |
| **NOM DU TRANSCRIPTEUR** | : | **MUSHONGANONO Béatrice** |
| **DATE DE LA TRANSCRIPTION** | : | **LE 1er/08/2001** |
| **NOM DU FICHIER** | : | **0164 WPD** |
| **DICTAPHONE** | : | **SANYO MODÈLE : TRC-8080**<br>**SÉRIE : P8806620** |

**RESUME DE LA CASSETTE 0164**

**FACE A :**

NKOMATI Emmanuel : - Cite les six décision prises lors de la réunion.
- Fait la lecture de la lettre adressée à NZAMURAMBAHO Fréderique, lettre Écrite par MUTABARUKA Célestin, Directeur du projet Crête Zaïre-Nil (Nomination ilégale du Directeur du dit projet). (commentaires).

- Lecture de la lettre adressée au Préfet de la Prefecture de Gikongoro.
- Discutions entre l'entrepreneur et les ouvriers qui reclament leur saleurs.

**FACE B :**

HABIMANA Kantano : - Parle de la réussite de l'équipe Rayon-sport (commentaires).
- Divers.
- Différents communiqués.

HITIMANA Noël : - Il parle de la RTLM et de l'échec des Inkotanyis ainsi que les complices des Inkotanyis notamment NKUBITO et autres.

HABYARIMANA Juvénal : Encouragement à l'équipe Rayon-sport et à toute la jeunesse rwandaise.

HABIMANA Kantano et HABYARIMANA Juvénal {interview : Jeunesse et sport }

**FACE A**

**Orateur : Non identifié :**

... HABYARIMANA Juvénal, Prezida wa Repubulika. Ibyo byose akabikorera mu kiliziya imbere y'imbaga y'abakristu.

Icya gatandatu ari na cyo cya nyuma : Abari mu nama barangije inama bifuza ko inama nka ziriya zajya ziba kenshi kugira ngo ibikocamye bikosorwe mbere y'igihe.

Indi nkuru mfite ni amabaruwa abiri, amabaruwa abiri mfite hano yerekeranye n'ibera (sic) umushinga wa Crête Zaïre-Nil tumaze iminsi tubabwira ko Bwana NZAMURAMBAHO Feredariko, Ministre w'Ubuhinzi n'Ubworozi akurura akaduruvayo mu uwo mushinga. Hari amabaruwa abiri dufite, imwe ni iyo umuyobozi w'umushinga yamwandikiye, indi ni iyandikiwe Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro na yo iturutse mu buyobozi bw'umushinga wa Crête Zaïre-Nil. Iya mbere iri mu rurimi rw'igifaransa abaturwumva mumbabarire munyihanganire.

Projet Crête Zaïre-Nil
B.P 582 Kigali.

Monsieur le Ministre de l'Agriculture
et de l'Elevage Kigali.

Monsieur le Ministre,

J'accuse reception de votre lettre n° 648/0701 du 10/03/1994. Cependant, comme je l'ai mentionné assez clairement dans ma lettre du 12/11/1993 alinéa 3, j'ai l'honneur de vous rappeler que j'ai été désigné à la tête de de ce projet par l'arrêté présidentiel n°80/09 du 27 euh du 27 janvier 1992 qui est toujours en vigueur.

Ainsi, comme vous l'avait signalé le Ministre euh!

comme vous l'a signalé le Ministre de la Fonction Publique et de l'Emploi dans ses lettres n°2684/11 19/cab du 29/11/1993 et n° 411/11.19/cab du 28 février uu 1994, tout acte de nomination ou de cessation de fonction à prendre à mon endroit n'est pas de votre compétence conformément aux dispositions conce euh! Concernées de la loi fondamentale actuellement en vigueur (raclement de la gorge).

Par ailleurs, je ne comprend pas de quoi vous voulez parler en définitif car, depuis... depuis que vous avez voulu me remplacer illégalement par Monsieur BAKUNDUKIZE Tharcisse adhérent à votre parti PSD en novembre 1993, vous parlez tantôt du projet Crête Zaïre-Nil dans vos écrits de soutien à BAKUNDUKIZE Tharcice, tantôt de l'ex-projet Crête-Zaïre Nil quand vous m'exhotez à quitter le poste de Directeur du projet. Ces contradictions flagrantes souvent même répétées dans une même lettre comme celle d'un n° 3701/0701 du 08 novembre mille neuf cent euh! 1993 et n° 638/0701 du 10/03/1994 ne montrent pas beaucoup de franchise, de responsabilité et surtout pas de bonnes intentions.

Cependant, vous savez pertinement que le projet Crête-Zaïre Nil n'a jamais été terminé bien que vous n'avez menagé aucun effort pour l'étouffer et ce faisant étouffer toute la masse qu'il servait pour mieux prétexter qu'il n'existe plus.

Votre lettre n° 3802/0704 du 12/11/1993 adressée au Directeur ré... régional des services agricoles de Kibuye, parle de la poursuite du financement des activités du projet Crête Zaïre-Nil jusqu'à 1995. Votre avis au publique n° 409/0730 du 17/02/1994 ainsi que votre note circulaire n° 410/0730 du 17/02/1994 à l'attention des Chefs de volets au projet Crête Zaïre-Nil ne parle pas de l'ex-projet mais du projet en cours. Je ne connais donc que le projet Crête Zaïre-Nil duquel il est de ma responsabilité d'exercer les fonctions de Directeur jusqu'à ce que l'autorité nanti du pouvoir décide sur la cessation de mes fonctions. Et en ma qualité de Directeur légal du projet, je dois gérer aussi bien le personnel que le fond et les biens du projet.

Veuillez plutôt comprendre, Monsieur le

Ministre, que tant que vous ne parvenez pas à convaincre les instances habilités pour qu'elles décident sur la situation de mes fonctions , vos lettres d'intimidation à mon endroit ne changeront pas ma position. Vous devriez aussi vous rendre compte que les lettres fourvoyantes que vous adressez au personnel du projet ont déjà provoquées la rébellion de certains cadres du projet adhérents à votre parti PSD. Ceci mène des actes de sabotages et de suberversions qui ne peuvent être tolérés par aucun (...) responsables.

Concernant votre menace de traduction en justice j'aimerais vous dire, Monsieur le Ministre, que ce serait encore un franc inutile et surtout une perte de temps des autres institutions de l'Etat car vous connaissez bien l'hiérarchie qui peut trancher le différent si seulement vous ne voulez pas l'ignorer. Cependant, si la justice et votre meilleure option je suis tout à fait disposé à comparaître si j'y suis appelé.

Veuillez agréer, Monsieur le Ministre, l'expression de ma haute considération.

Sé : Le directeur du projet Crête-Zaïre Nil,
Monsieur MUTABARUKA Celéstin.

Copie pou euh copie pour information :
- A son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise.
- Madame le Premier ministre.
- Monsieur le Ministre de la Fonction publique et de l'emploi.
- Monsieur le Ministre du Plan.
- Monsieur le Ministre des Finances publiques.
- Monsieur le Délegué de la Communauté Economique Européenne.
- Monsieur le Préfet de Prefecture de Gikongoro,
- et Monsieur le Préfet de Prefecture Kibuye.

**RTLM 0164 transcrite par M.B.**

Banyarwanda, Banyarwandakazi, cyane cyane abaturiye akarere umushinga wa Crête Zaïre-Nil ukoreramo, Bwana MUTABARUKA Selestini ni we muyobozi wemewe n'amategeko w'umushinga Crête Zaïre-Nil. Yashyizweho nk'uko mwabyumvise mu gifaransa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika nimero mirongo inani zero akarongo zeru icyenda, byo ku wa makumyabiri na karindwi Mutarama igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kabiri. Kandi kugeza uyu munsi iryo Teka riracyafite agaciro karyo. Prezida wa Repubulika ni we ufite ububasha bwo kumusezerera. Bishoboka bite ko NZAMURAMBAHO Feredariko yiha gusezerera MUTABARUKA Selestini ku buyobozi bw'umushinga Crête Zaïre-Nil akamusimbuza BAKUNDUKIZE Tharcisse Umututsi wo mu ishyaka PSD?

Tuributsa NZAMURAMBAHO Ferederiko ko abategetsi nka bariya bashyirwaho kandi bagakurwaho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika. Ikindi kandi Prezida wa Repubulika arahibereye. Imigambi ya bo rero bihaye yo gushaka kumusimbura rwihishwa ku mirimo ye yaratahuwe kuko ibyo RUGENERA Mariko, kuki? Kuki ibyo RUGENERA Mariko, Ministre w'Imari yari agiye gukorera NTIRUGIRIMBABAZI Diyonizi, Guverineri wa Banke Nkuru y'igihugu bitamubera ibi... (sic) bikamupfana byaramupfanye ntabwo byashobotse. Ibi rero byagombye kubera isomo NZAMURAMBAHO Ferederiko ndetse n'abakora nka we.

Ikindi kandi ingingo ya karindwi ee y'igitabo cy'amategeko agenga amashyaka ya politike mu Rwanda ivuga ko buri shyaka rya politike rigomba kwirinda guhatira abakozi ba Leta kubogamira kuri politike yaryo kandi rikubahiriza uburambe bwabo ku mirimo. Nyamara, ni bangahe bavanywe ku kazi kabo kuko badahuje ibitekerezo bya politike n'abayobozi b'amashyaka ahanini usanga ari bo ba Ministre ba za Ministeri runaka.

Hari indi rero baruwa, hari indi baruwa mfite hano ee Umuyobozi w'umushinga Crête Zaïre-Nil yandikiye Nyakubahwa Prefe wa Prefegitura ya Gikongoro, na yo ayimwandikira kubera ee ibikorwa by'iterabwoba rya rya rya rye uu ryari rimuriho ngo nagende, ngo nagende, ngo nagende ngo nagende nk'aho abamwirukana ari bo bamushyizeho.

Iyo baruwa ite... iteye itya rero:

Nsanze ari ngombwa kandi byihutirwa ko mbagezaho bimwe mu birebana n'umutekano muke hano mu karere ka Crête Zaïre-Nil n'imigambi mibi itegurwa kugira ngo mube mubizi hakiri kare. Hari agatsiko k'abantu bake batifuza ko gendarmerie yakomeza kugira détachement muri kano karere kugira ngo babone uko bakora amarorerwa mu bwisanzere. Abo bafite iyo migambi mibi bagenda basebya abo bajandarume bababeshyera ngo "bitwara nabi mu baturage", ngo "batunga abantu imbunda ninjoro baryamye", ubundi bakavuga ko "batakiri na ngombwa" ngo "kuko umutekano wagarutse". Ibyo byose ni ibinyoma bisa ahubwo icyo bashaka ni ukugira ngo abakuru babo bafate icyemezo cyo kuvanaho iyo da... iyo détachement kuko ibabangamiye ikaba ibangamiye ubwisanzure bw'abagizi ba nabi. Abajandarume bitwa... (sic) abajandarume bitwara neza muri rusange kandi bere berekanye discipline nziza no gushishikarira imirimo bashinzwe.

Iyo détachement rero iracyari ngombwa kuko umutekano ari muke cyane muri kano karere kubera impamvu zikurikira :
Icya mbere : Hari umwuka mubi urangwa mu karere umushinga ukoreramo watewe n'inzandiko n'amatangazo bya Ministre NZAMURAMBAHO ugitsimbaraye ku cyemezo cye cyo kunsimbuza BAKUNDUKIZE Tarisisi mu buryo bunyuranije n'amategeko byakwirakwijwe hirya no hino mu karere umushinga ukoreramo. Abayoboke b'ishyaka rye PSD barangajwe imbere na Burugumestre wa Komine Musebeya, Bwana HIGIRO Viyatori, BAKUNDUKIZE Tarcice, MUNYABARAME Callixte, BUKEYE Evariste na MBARAGA Félecien (sic) bahora bagerageza guhagurukiriza abaturage kwigaragambya ariko bikaburizwamo no gutinya abajandarume. Abo ni bo bakomeje imigambi yo guteza imvururu mu karere umushinga ukoreramo ngo kugeza ubwo umuyoboke w'ishyaka rya bo BAKUNDUKIZE Tharcisse azaba umuyobozi w'umushinga Crête Zaïre-Nil ku ngufu. Bamwe muri abo, BUKEYE Evariste na MBARAGA Félécien (sic) ni abakozi b'umushinga Crête Zaïre-Nil baretse akazi kuva ku itariki ya munani uu Gashyantare igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane, ngo "bazakagarukaho ari uko BAKUNDUKIZE Tharcice ari we uyobora umushinga".

Ikibabaje cyane ariko ni ukubona Burugumestre wa Komine Musebeya ari ku isonga ry'abahungabanya umutekano muri Komine ye ngo ararwana, ngo ararwanira ishyaka rye PSD. Ndetse n'ubu hari imyigaragambyo iri gutegurwa na yo ishyigikiwa na Burugumestre HIGIRO

izakorwa yee izakorwa aba... izakorwa abajandurume bamaze kugenda kuko ngo bizeye ee badashidikanya ko batazasimburwa.

Icya kabiri : Hari urugomo rukabije hirya no hino ku buryo na Burugumestre wa Komine Musebeya ubwe adatinyuka gutabara abatemanye cyangwa kujya gufata abigabije guhinga ishyamba atitabaje abajandarume n'ubwo afite abapolisi ba Komine.

Icya gatatu : Hari umwuka mubi n'urugomo bikururwa n'agatsiko k'abantu birukanywe mu mushinga hamwe n'abari barafungiwe kunyereza umutungo wa Leta ubu bakaba barafunguwe muri iyi minsi na bo bakaba babangamiye bikomeye umutekano w'abakozi b'umushinga Crête Zaïre-Nil, babatuka, babaciraho amacandwe ndetse ntibatinye no gukubita abanyantege nke.

Nyakubahwa bwana Perefe, nk'uko nabagaragarije bimwe mu bibazo by'umutekano muke, kuri byo hakiyongeraho ikibazo cya telefone yacu ihorana ibibazo tu...dafudukiweho, turabasaba ko umutekano wacu wakomeza kwitabwaho nk'uko musanzwe mubikora kandi détachement y'abajandarume iri muri Gatare igakomeza kubungabunga umutekano kugira ngo imigambi mibi itegurwa iburiremo. Bishobotse kandi byarushaho kuba byiza Burugumestre HIGIRO abwiwe ibyo kurushaho kubumbatira umutekano wa bose kuko imvururu ashyigikiye zitubaka ahubwo zasenya Komine ye.

Mbaye mbashimye uburyo mwakira ibyifuzo byacu.

Umuyobozi w'umushinga Crête Zaïre-Nil, MUTABARUKA Selestini.

Ngibyo rero ibyo muri Crête Zaïre-Nil, ibyo muri ako gace uko byifashe ni uko nyine uwo mugabo arakataje, uriya NZAMURAMBAHO Ferederiko arakataje mu gukurura umwuka mubi mu uwo mushinga.

Indirimbo ikurikira rero, indirimbo ivuga ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda, ndagira ngo nyiture, nyiture rwose ingabo z'u Rwanda aho ziri zo (sic) aho ziri hose. Nyituye abapara abapara

bataillon y'abapara hariya i Kanombe, nkayitura Inzirabwoba, nkayitura Intiganda, nkayitura Ababerankiko, nkayitura Abakodo, nkayitura abasirikare bose, abasirikare bose kuva kuri soldat kugeza kuri Général-major. Nkayitura abasirikare bose kuva kuri bataillon ya mbere kugera ku ya nyuma. Ndagira ngo iyo ndirimbo rero nziza cyane ivuga ubutwari bw'ingabo z'u Rwanda kandi koko zifite ubutwari, zaratsinze rwose ingabo zacu, ndagira ngo iyo ndirimbo rero ziyumve.

**Orateurs : Les ouvriers**

(interférence des voix). Azanye maga azanye igihumbi Jeraridi umva azanye igihumbi, natereje igihumbi ngiye kongera gutereza igihumbi bibe bibiri. Wenda arampa bitatu. Ubwo se umugore (inaudible) (interférence des voix)? Nayampe tujye kurara tuyariye ahasigaye ejo aduhe amafaranga yacu ni cyo cyatuzanye. (interférence des voix)

- Nta kundi byagenda da!

- Ibihumbi magana abiri se yaguha angahe?

- Nayazane tuge kuyarara tuyariye ejo aduhembe, ejo aduhembe nta kindi (inaudible.

**Orateur : Entrepreneur :**

... yababwiye nabi. N'ikimenyi menyi hari umwe muri mwebwe wa waje aturuka hamwe na mwe aza azi ko ari itangazo ryaturutse ahandi ritaturutse kuri izo ntumwa. Izo ntumwa rero twese twazi twabyumvise. Baratubeshye zitubeshya itariki ya cumi na kane z'uku kwezi kwa gatatu kandi ubundi

**Intervenant :**

Atari byo.

**Orateur : L'un des ouvriers :**

Atari byo. Bikaba byumvikana rero yuko hagombaga kuboneka umwanzuro cyangwa se igisubizo

ku bibazo byaba biriho. Ibibazo bya mbere ntabwo mwataha uu mu n'amaguru nta imodoka yabazanye igomba kwishyurwa, icyo kibazo ni cyo twavuye aha ngaha twumvikanye ko tugiye kugisubiza, naho itariki yanyu yo guhembwa ni ya yindi hagati y'itariki ya mbere n'iya cumi nk'uko gahunda intu intumwa... ya intumwa nohereje ku rupapuro nabohereje ntibibasomerwe, rwari ruteye. Ubwo rero nkaba numva icyo kibazo twagerageza kwihanganirana ko wenda niba hari umuntu wahembwe igice kinini cyangwa se igice gitoya kurusha undi, uyu munsi tukabyihanganira twese amafaranga tuka... ashoboye kuboneka tukayagabana noneho ni handi urahembwe menshi, guhembwa bya nyuma ntabwo baza birumvikana ko azahembwa makeya, ikibazo noneho kikaba kiratunganye muri rusange, buri wese aka agataha iwe ubwo usagura ku itike birumvikana.

**Orateurs : Les ouvriers :**

- Njyewe ikibazo (interférence des voix) oya, (interférence des voix) amafaranga y'imodoka) (inaudible)?

- Mu Ruhengeri ni ho ntagiyeyo tariki ibiri mwaravuganye, bon, igihe nk'igihe wankoreshereje ntaraba umusirikare none nsaziye mu gisirikare si byo? None si nk'ubu gubu ni ukuvuga ko none ayo mafaranga y'imodoka urayabaha wamara kuyabaha ukariha ba nyir'imodoka wowe ntuzabakate ntihagire n'umuntu n'umwe ukata ifaranga na rimwe ku gipande cye?

- Nzi ko habaye icyo kibazo cy'uko mwese mwa... mu mwaje i Kigali kandi mwi... mwirihiye itike, njywe ubwanjye natumye natumye aa bamwe muri mwebwe, abakozi bo mu Gitare mba (inaudible) n'urwandiko baragenda barangije batanga information nabi! Ba... batanga itariki ngo muzaze i Kandi si ko nari nabibabwiye. Birumvikana rero ko iyo nza kuba nabibwiye nari kwemera no kuriha izo modoka zabazanye.

- Urumva ubundi (inaudible) ikibazo iwacu (inaudible) imodoka ni kimwe gusa (discussions)

- Ndagira ngo njyewe nibarize Entrepreneur ikibazo kimwe (bruit) ndagira, ndagira ngo njyewe nibarize Entrepreneur ikibazo kimwe. Uwo muntu yatumye n'umu... ni umwe mu muri aba

bakozi? Uwo muntu yatumye ari hano? Ari hehe?

**Orateur : Entrepreneur :**

Haru hari umwe muri abo bakozi uhari ngira ngo baramuzi bashobora kumubwira akaza akasobanura neza uko twavuganye.

- Yitwa nde? Niba ahari naze yisobanure.

- Niba ahari na we (inaudible) (interférence des voix)

- Oya ikibazo, ikibazo ikibazo ni uko hari umuntu yatumye kandi atuma umuntu ya akoresheje inyandiko. Uwo muntu rero niba muzi izina rye yenda mwamuvuga cyangwa se yenda yaba amuzi na we akamutubwira.

- (Interférence des voix) (inaudible) ishantiye ya Rugarama nta n'umukozi n'umwe urafata n'ifaranga na rimwe. Mu ishantiye yacu nta muntu urimo no mu yandi mashantiye nta wurimo. None se (inaudible) (interférence des voix). Ee na we mushake hubwo aze. (Interférence des voix) ni twe turi kukurushya duhembe ni cyo cyatuzanye rwose. Dore

- Hamagara uwitwa SE

- Uwitwa SENZOGA arahari ra?

- Ari hano.

- SENZOGA arahari?

- SENZOGA? (inaudible)

- Bon, SENZOGA rero turagira ngo usobanure ubutumwa Entrepreneur Emmanuel yaguhaye,

ubutumwa bu ku ubutumwa bugeza ku bakozi itariki bazahemberwaho, usobanure ubwo butumwa icyari kirimo, usobanure n'uko byagenze usobanure n'aho buri, usobanure mbega muri make usobanurire abantu bumva RTLM uku uko ibintu byagenze.

**Orateur : SENZOGA :**

Yee nageze kwa Deregiteri nje kumubaza ibibazo by'amafaranga yacu aho bigeze, noneho ampa ibaruwa imenyesha abakozi ko ago bagomba gutegereza amafaranga ko arimo kuyashaka. Hari icyo gihe nageze hano tariki cumi n'ibiri z'ukwezi kwa cumi na kumwe. Noneho ambwira ko uko kwezi nikurangira azaduha amafaranga.

**Orateur : L'un des ouvriers :**

Ni ukuvuga ukwa cumi n'abiri?

- Ukwa cumi ukwa cumi n'abiri nyine nikurangira ariho azadutumaho tukazaza ku tukabonana noneho akaduha amafaranga. Noneho ukwezi kwa cumi n'abiri kurarangira, ukwa mbere nako kugi kuki kugiye kurangira abakozi bati "waratubeshye". Ibyari ngombwa ni uko twakurega. Bajya kundega kwa Inspecteur mu Ruhengeri noneho Deregiteri na we antumizaho, antumyeho nditaba tugezeyo musobanurira uko Deregiteri yambwiye mwereka n'ibaruwa yampaye. Insipegiteri rero iyo baruwa ni we uyifite kandi abakozi twari turi hamwe, ntabwo nari ndi njyenyine, noneho dufata icyemezo cyo kuza kubaza Deregiteri uko byagenda. Ubwo twitoramo abantu cumi n'umunani. Twageze aha ngaha tumusobanuriye aza ku kureba ati "koko ibibazo byanyu biragoranye kandi bimaze igihe kirekire". Ati "ibyiza ni uko mutasubirayo ubusa ngiye gukubita inzu ibipfunsi noneho buri muntu ndamubonera itike y'amafaranga ibihumbi bi ibihumbi bine noneho musubire iwanyu noneho mutegereze ariko murebe mwitoranyemo umuntu azagaruke hano mubwire uko tugomba kubyifatamo mu guhembwa kwacu n'aho tugomba guhemberwa". Noneho bati "nta wundi tugomba gutoranya ni umukapita wacu SENZOGA ugomba kuzagaruka noneho ukamuha igihe mukazabonana noneho ubwo butumwa na we akazabutuzanira. Ubwo rero tariki makumyabiri yarageze ndaza,

- Makumyabiri z'ukwa cumi n'abiri?

- za za z'ukwa gata z'ukwa kabiri. Makumyabiri z'ukwa kabiri. Ubwo nageze hano ari ku wa mbere tariki makumyabiri n'imwe. Tariki makumyabiri n'imwe ee nageze aha, nageze ku biro nsanga Deregiteri nta wuhari ee mu by'ukuri musanga hano imuhira ubwo turavugana, ati "noneho ni ukumbabarira burije nta kuntu twavugana ibibazo turi hamwe n'abashyitsi mbabarira ube urebye aho ucumbika noneho ejo mu gitondo tuzabisubiramo". Noneho ni bwo imyigaragambyo yabaye ee muri uwo mugoroba, ku wa kabiri twirirwa tutavuye mu mazu, ku wa gatatu nabwo ni uko, ubwo ku mugoroba saa kumi n'ibiri ni ho naje kubonana na Deregiteri ati "nyamara biracyakomeje nibyoroha ejo mu gitondo tuzavugana". Ati "ariko kandi ndi kubona nta magambo". Nanjye nabyitegereza nabona uko imyivumbagatanyo imeze hano mu mugi ubwo nkabona nanjye ari inshoberamahanga. Ubwo Deregiteri habaye ku wa kane ndaza ngeze aha ngaha ee ara twikubita mu modoka turagenda tugera ku biro tumajije kugera ku biro ee ati "tugende n'ubundi", nta magambo twahavuganiye iyu tugera kuri gare noneho akuramo amafaranga igihumbi arampereza, akuramo igihumbi agihereza NEMEYE twari turi hamwe w'umukapita n'ubundi wo mu GAHUNGA, ati "noneho nta yandi magambo mfite, mufite abantu ino barimo ba SERUTOKI, barimo n'abandi bakozi mubana noneho nzabatuma kuko ubu nanjye binteye akantu ntabwo rwose nanjye ngiye guturama".

- SERUTOKI aba ino aha?

- Abe akora ino. Akora ino kandi ni umukapita yee wo mu Rugarama. Noneho ubwo jyewe ngenda nizeye ko uwo mukapita nangwa se azanyohererereza ikindi kiba ikindi gi iki ikindi kibazo cyangwa se igisubizo cyo kubwira abakozi ko (inaudible). Ee tukigera imuhira hari ku wa kane,

- Wajyanye ikihe gisubizo?

- Nta gisubizo najyanye ngagiye ntegereje ko azatuma SERUTOKI nagwa se aka akohereza ibaruwa nangwa se akabona umuntu akamutuma. Nkigera rero ee imuhira, abakozi bo mu Gitare ndetse n'aba n'abo mu ishantiye yo mu Burera barirema baraza bajya kwa Deregiteri. Bageze kwa Deregiteri, Deregiteri icyo yababoneye sinkizi, noneho baza harimo umu umusaza witwa MUNYAKABIRE aza ambwira ko bo yababwiye ko bagomba kuza kudu ee kuduhemba tariki

K0210920

cumi na kane

- Z'ukuhe kwezi?

- Z'uku kwezi kwa gatatu. Ni bitabaye ibyo ngo tariki cumi n'itanu amafaranga aza...

**Fin de la face A.**

K0210921

**FACE B**

**Orateur : HABIMANA Kantano :**

... umpaye ijambo, ha Radiyo Yigenga RTLM ivugira hano i Kigali, saa sita rero zirabura iminota itanu. Mu kanya icyo mu nda kiraba gishaka icyo mu nkono ariko rero he jyewe nariye umunyu, nariye umunyu. Cya kimasa cya Rayon-sport kiraribwa uyu munsi saa kumi (araseka) utarabonyi invitation rero ubwo azanywa isupu azabe afite umutsima. Ariko rero kiraribwa none saa kumi, ubwo abatumiwe rero muze kuba mwimejeje neza hanyuma noneho turye ikimasa. Ya ya ya ya! Ikimasa turakirya saa kumi. Abatumiwe ubwo bariyumvise, abataratumiwe nta cyo bitwaye, nta cyo bitwaye ntimwicwe n'amerwe haracyari ibindi bibiri, bibiri birahari ariko cya kindi kibyibushye cyo muri Gishwati turakigandagura (arasetse) nguko uko bimeze ni agakuru nabibiraga.

Hanyuma rero indi nkuru, indi nkuru ni ivuye ku Gisenyi ivuga yuko ba kavukire bakamejeje, ba kavukire bakamejeje barimo baratura mu isambu yari igenewe yari igenewe Komine, isambu ya Komine ngo barayubaka abandi na bo bariraye ku kababa kujya kubasenyera, ubu rero ni ukuhagarara hagati kugira ngo abaturage bataza kuhakomerekera n'aba (interruption) ubwo ibintu bikomeye. Ba kavukire bo ku Gisenyi koko bafite ingorane, umujyi wa Gisenyi ntufite aho wiyagurira ehe ni ikibazo. Ubu rero twizere ko bazagikemura.

Aya ya ya ya. Hanyuma andi makuru yihuta, andi makuru (aseka) yihutirwa ni umuntu umbwira ati "Kantano" ati "wavuze yuko Ministre mu Bwongereza wa weguye ngo ari Ministre w'Ingabo" he ati "ntabwo ari Ministre w'Ingabo" ati "ahubwo ni Chef d'Etat-major" (aseka) ati "ni we weguye rero kubera ko yari yasambanyije umugore wu w'umuntu wamwungiri wari umwungirije", ati "nuko aragenda". Ibyo re ibyo ari byo byose nta cyo bihinduraho icyo nashakaga kuvuga ni uko, ni uko (aseka) ibyo ari byo byose nashakaga kuvuga yuko ubuzima bwihariye bw'umuntu wagiye hajuru muri politike hein hari igihe abanyamakuru tubushotora kandi n'abantu benshi baba ba ba babikurikirira hafi bafite amatsiko, bafite amatsiko. Hari nk'ubaza ati "ariko buriya Ministre anywa inzoga"? "Iyihe se"? Hee wamubona rero anywa

akagwa ukaba wavuga uti yikundira akagwa hum? Wamubona cyangwa yasinze yituye hasi ntiyavuga ngo apu ngo jyenwe ndi Ministre ngo nisengereye mpembwa menshi ngo none ndaguye ngo nta cyo bitwaye ngo ni jye; reja da! Ibyo bihita bigera kure, ariko rero usanze kantano yisindiye ibyo nta kibazo, nta kibazo ni yo mpamvu rero ubuzima bw'abantu bo hejuru, bo hejuru bakwiye kubucunga neza kandi n'ibyo bakoze mbere ni byo bigomba kubakurikirana muri politike, kuko ntiwavuga ngo bon, ngo nimba Ministre ngo nta cyo ngo ngo nzaba mwiza, reka ni ukureba mberee yo kuba ministre icyo wari cyo, basanga wari mubi ukagenda ntukomeze kuyobora abaturage.

Haa hari umbwiye na none ati "Sylvestre, Sylvestre uu UWIBAJIJE Sylvestre, ati "uriya Mukombozi ushaka gusimbura Nyakwigendera Felesiyane GATABAZI", ati "wowe wavuze ko" "yitwa Cyokere" (arasetse) ati "ariko ubundi yitwa Cyotsi". Ni byo ni Cyotsi, Cyotsi na Cyokere (arasetse) nuko hari undi mwene wabo witwa Cyokere na we nyine wari umbwiye ati "hein", ati "ndi Cyokere".

Maze rero hagati aho ngaho hari amatangazo yanyu makeya mfite kugira ngo nyarangirizeho, nyarangirizeho ariko hagati aho bangejejeho dosiye, dosiye ikomeye cyane y'umuntu witwa MBONIMPA, MBONIMPA Ministre w'Amashuri rero Abanza n'Ayisumbuye, abantu yabamaze, abantu yabamaze abirukana, abirukana ngo kuko ari abayoboke ba MRND, arimwo arishyiriramo MDR-TWAGIRAMUNGU, ibintu yabizambije rwose abantu yabamaze abimura abandi abirukana... Ya ya ya ya! Liste ni ndende, liste ni ndende, hari UKWIGIZE Agustini, Responsable wa CIMEP-Kibuye, D'Amour Marie Médiatrice ya ya ya ya wo muri central pro ya projet, MUKANDEREYA Dansila wo muri CIMEP-Gisenyi, BAMFASH...BAMFASHE... Ba... Ba... Bamfashe BAMFASHEKERA Sosthène, aa aa yo mu w'i Kibungo aa BIRERE François MDR-PAWA w'i Gitarama, NSENGIMANA Alphonse ee w'i Byumba MRND, BUNYENZI Protazi ya ya ya wari umup ee ya ishyaka rye ntirizwi, yaa NTAKIRUTIMANA Responsable mbese tuzasubira muri iyi dosiye turebe icyo MBONIMPA abantu bose abirukanira hein turebe ee ko icyo abirukanira.

Maze rero ndabona banyereka isaha, birumvikana ko icyo mu nda gishaka icyo mu nkono

birumvikana, ubwo rero hinga ibyo ari byo byose nibe ho, nibe ho utunota duke kugira ngo tubagezeho ubutumwa bwanyu bwihutirwa.

Umurya (interruption).

**Orateur : HITIMANA Noël :**

RTLM, RTLM ni Radiyo yanyu, ni Radiyo yacu, ni Radiyo y'abanyarwanda bose, ni Radiyo ubwo n'abanyamahanga bayifitemo uruhari kubera ko uwatanze amafaranga ye hum, kubera ko ari Société anonyme, ni sosiyete none se, ni sosiyete ivuga iti "tugomba kukwiza inkuru, tugakwiza umuzika tugakwiza ibyishimo, tukavuga n'akababaro kabaye, tukavuga ukuntu ibintu bimeze. Radio sympa, Radio Cent six, Radio quatre-vingt quatorze, Radiyo he Yigenga nyine ivugira mu misozi igihumbi. Dufite i saa kumi n'ebyiri n'iminota umunani hano i Kigali, RTLM ni yo Radiyo mwumva muri uyu mugoroba, muri kumwe na Valeriya, mukaba muri kumwe na HITIMANA Noheli, muri kumwe na NTEZIMANA Jean ee kuri cabine ya technique.

Mwese, mwese, mwese abatwumva, ntangirire i Butare, Butare, Gitarama, Gikongoro, Cyangugu, Cyangugu, Kibuye, Kibuye, Gisenyi, Gisenyi, Ruhengeri, Ruhengeri, Byumba, Byumba, Kibungo, Kibungo, Kigali-Ngali, Kigali-PVK hano mu mujyi, ahaa nshigaje he? Nshigaje kuzavuga uduserile n'udusegite n'amasegiteri, nsigaje kuzavuga uturwi n'imisozi n'udusozi ahaa n'ibikombe (araseka) ni mu minsi mike, ni mu minsi mike nk'uko abashefu banjye bari kubimbwira bati "Noheli ihangane", bati "ihangane mu minsi mike uzaba uri kubabwira", ariko n'ubundi turababwira, turababwira rwose mu kanya turabagezaho amakuru yanyu, turabagezaho amatangazo yanyu turabagezaho n'inkuru zishyushye, inkuru zishyushye, inkuru zishyushye iya mbere nababwira ni ukuvuga ati kuri tariki ya cumi na gatanu, iki gihugu kuri programu y'Inkotanyi ubundi cyagombaga kuba kiri kuva amaraso, umuvu w'amaraso wagombaga kuba uri kuva bitewe n'Inkotanyi, ariko programu ya bo twayivumbuye kera none bikase, bikase bati "ah" bati "ubwo babimenye se" haa ba bati "muragira ngo Abatutsi bashire muri iki gihugu"? N'iyo batakwikata, n'iyo bakora bate n'iyo bashaka iki n'iyo bagira ngo nta na Guverinoma bazajyamo, n'iyo bahonda ibuye riga rigatota, n'iyo bateka iki yewe n'umuleti w'igishwi wa n'iyo bawurisha nde iyi ntambara abayishatse bakagira ngo bazayikora izashoboka, ndababwiye

aho Umututsi ari hose si ukugira ngo je menace pas les Tutsis, ntabwo ndi kugira ngo ndatera ubwoba Abatutsi. N'Umuhutu aho ari hose je menace pas les Hutus, ntabwo ndi kugira ngo ndatoteza Abahutu. N'Umutwa aho ari hose, je menace pa les Twas. N'Abatwa rwose nabo ni abantu ni Abanyarwanda, si byo? Aho umuntu ari hose ubu ngubu twarajijutse twarabimenye, ntabwo dushaka intambara uzayishaka azayibona kandi nayibona, jye hari uwo nabajije nti sha ee nti waciye mama amabere uragira ngo nzongere mvugane na we ndebane na we nte mu maso? Arandeba kandi nabibwiraga Inkotanyi y'Umukapitene, Inkotanyi ukora muri MINUAR aranzi turaziranye Manweli sinamuhisha n'izina. Hein! Hein. Nti sha? Nti waciye mama amabere uu ura urabona byaza bigenda bite? Hein! Bage bakunda kuvuga ngo Noheli nkunda kwisekera nk'umwana nyamaru iby'ubwana byavamo agahinda, agahinda kavamo akababaro, akababaro kavamo umujinya, umujinya ukabyara inzika, inzika ikabyara iki? Haa tuzababarirane nta guhora, tuzababarirane nta guhora naho ubundi barabigisha ngo nibave muri za Gikoro, bave muri za hee iriya za Bicumbi ngo nivave muri za Taba za Runda, ngo nibave muri zaa i za Gikomero ngo nibagende bave muri za Base za Tare, za Tumba ngo bagende baze bakore ngo infiltration mu mujyi. Inkotanyi zitonde, infiltration ya zo zose bose turabakontrola, bose turabakontrola ari twebwe abasivile ari n'abasirikare. Iki gihugu ni gito umuntu azi undi ni cyo kibazo bafite. Umuntu azi undi, umuntu azi undi. Wagira utya uti hein hee ti ndakora à gauche cyangwa à droite. N'iyo wakora hehe umuntu azi undi. Kandi mbabwire ndiheraho, HITIMANA Noheli iyo mbyutse nkagera ku muhanda Inkotanyi duturanye iba yabimenye, ibibwira abandi ngo "Noheli agiye hanze". Na we iyo agiye hanze nanjye abandi baba bambwiye bati "dore ya Nkotanyi irasohotse". None se, si ko bafatwa se? Si ko bafatwa? Iyo bafatwa rero bari kujya bavuga ngo barababeshyera cyangwa ya ya ya ya ye ya ya ya ya ya ye hee! Ee ntibishoboka, ntibishoboka iyi ntambara yabaye insobe, yabaye insobe imyaka igiye kuba ine. Intambara yabaye insobe kubera ko na bo barabizi bafite za ordinateurs, bafite ba Savants, bafite aba Professeurs, ba Docteurs biga muri hari abigisha muri za Canada, ababa muri za Nayirobi, i Kampala, i Buruseli, bafite ababa i Bujumbura bafite ababa hehe, bafite he na he, bafite ewe ujye no mu mu Bushinwa no muri Japon wasangayo Abatutsi bize baminuje ariko ubu basanze ko Abahutu miliyoni zigeze kuri indwi, miliyoni indwi z'Abahutu ni nyinshi cyane. Ni nyinshi cyane. Izo miliyoni indwi ntabwo za... n'iyo zaba ari ibigoryi ntizabuze abahanga bageze kuri miliyoni nk'eshatu zi zijijutse. Ni ho ikibazo kiri. Ni ho ikibazo kiri. Ikibazo ni aho kiri. Barajijutse rero! Igihe

bajijutse rero bakabareba bakavuga bati "sha hee ni bwo bwenge bwanyu"? Ubwonko mwabutyaza, mukabutyaza mukageza hehe n'iyo mwabutyaza, mwaburyaza abana b'Abahutu na bo kuva muri itanu n'icyenda babonye igihe cyo kwiga. Hum! Hari uvuga ati "MKUZA yarakoze", ati "Abanyagikongoro barize". Ni byo koko. Hari n'uvuga ati "NSEKARIJE yarakoze", ati "abana b'iriya barize". Yarakoze koko! Hari n'uwavuga undi ngo uhum hanyuma se uriya munyakibuye, Abanyakibuye ntibari kwiga? Uzabaze mu Gisovu hein? Uzajye mu Gisovu! Uti yee MBONIMPA bimeze bite? Azakubwira ati "barize". Uu, ubaze ku gi ii i Butare uti Agata yatsindishije bangahe? (Arasetse) uzasanga barize. Aa bazabaze UBARIJORO, si Ambasaderi? Yahoze ari Ambasaderi. Uti Abanyakigali UBARIJORO, abana bagiye kwiga kuri UBARIJORO ni angahe? Uzasanga barize. Hum! Ahaa. Hein! Uzajye i Byumba hose hari abantu bagiye bareba ukuntu babigenza hum! Abana barize. Abanyarwanda barize, barize uzengurutse ukajya hehe wagenda ugasanga barize. Niba barize rero bose ikibazo bafite ni ikihe se? Ni uko u Rwanda rwazamuka bose bakumvikana. Arusha barasinye, basinya mu bwenge, mu bwenge, tubyumvikaneho ni mu bwenge. Mu bwenge buri muntu arareba ati "mes intérêts" ati "ii ii njyewe byagenda bite, nzungukira he"? Ati "sawa" ati "ndemeye" ariko se ubu ngubu ikibazo kiri he? Ikibazo kiri he? Kuki FPR itemera iti "ngiye kujya muri Guverinoma noneho tuzamure iki gihugu". None se wa mugani wa wa mudamu w'i Nyacyonga uvugira muri Radiyo Rwanda avuga ati "twebwe ", ati "duhora dutegereje ko tuzasubira mu byacu gutya", ati "bakatubwira bakatwizeza, batwizeza, batwizeza". Ababizeza ni ba nde? Leta y'u Rwanda ntabwo yigeze yanga ku kugira ngo basubire mu byabo. FPR aho kugira ngo ijye kubeshya muri zone tampon na hariya bafashe ibeshya abantu hum ngo "nimuhinge, nimukore, mugire gutya" ngo "twe turabajyana amajyambere", yavuze iti baturage mutuye muri iyi zone tampon n'abatuye hano twafashe bati ba bandi b'i Nyacyonga bene wanyu baraje ejo, baje baraje mwongere musabane mubane kubera ko bari mu mu byago bashyizwemo wenda n na nde ra? Ahaa! Bababwiye bati bulende tuzivanyeho twebwe FPR, tuvanyeho bulende, zirashize ii tuvanyeho bulende tubashubije iwanyu maze nu ni uguca agahigo. Babikoze se? Babikoze bati duciye agahigo abantu tubavanye muri bulende tubashubije iwabo. Hum! Cyangwa bakajya muri Guverinoma noneho iyo Guverinoma ikavuga iti blindés zivuyeho. Babikoze? Babikoze? Niba ari abagabo bashaka amahoro muri iki gihugu bashaka ko abaturage babaho bakabaho neza, babikoze? Babikoze? Ndabategeye. Babikoze no kuva ejo? Bakavuga bati bategetsi bati twebwe jye

KANYARENGWE ndavuze ngo blindés mbwiye Croix-rouge, mbwiye amahanga, mbwiye BOOH BOOH, mbwiye ONU ko blindés mu Rwanda tuzivanyeho kubera ko twebwe nyine ari twe tuhafite, blindés zivuyeho ko twemeye twebwe Inkotanyi ko blindés tuzivanyeho? Bazabikore no kuva ejo mu gitondo? Tuzaba aa yewe! Nanjye nzababwira nti igihumbi ndagitanze cyo kujya gufasha umuturage kumugurira isuka na neza, neza, neza narahira! Si byo se? Babikoze? Amayeri bafite ni ayahe? Bafite amayeri, bafite amayeri ahereye kure. Bafite amayeri ahereye kure, ni ariya se (arimyoje) yewe, oya. Baduhe umuzika. (Musique)

... byiri n'iminota makumyabiri n'ine hano i Kigali. Kuri programu zacu saa moya n'igice, Valeriya nizeye ko araba yarangije kubategurira amakuru ari buze kubagezaho, ayo makuru muri buze kuyumva, amakuru dufite uyu munsi ariko kandi turagenda tuganira, ni ukuganira ntabwo ari télévision cyangwa se ngo tube twarangije gukora stidiyo yacu neza ngo mujye mutelefona tufanire gutya umbaze nkubaze, ee bizaza, umbaze nkubaze tuganire n'abandi bahi bahite babyumva ariko na byo bizaza, ni amajyambere muri RTLM bizaza.

Abantu baribaza bati rero bati "ibibazo by'Inkotanyi muri iki gihugu"? Ibibazo by'Inkotanyi muri iki gihugu, Inkotanyi zarateye ntibabihakana, babihakanye bavuga ukuntu batateye. Barateye. Ikibazo cyabayeho ni kimwe, barateye baterana n'umwaku, umwaku wabo barawuzi, umwaku barawuzi. Uwabaheneye simuzi, uwabaheneye bu buriya na bo baramuzi, umupfumu wabo bagiye kuraguzaho mbere buriya baramuzi bagomba kuba bararagurije za Yuganda kuko baturutse Yuganda batera ariko uwabaheneye. Ubajije KAGAME uti se KAGAME, agomba kuba yari muri Etats-Unis ariko atari mu Rwa mu muri Yuganda icyo gihe cyanga se mu Rwanda, kubera ko bagenzi be bakuru bakuru, bakuru bakuru bose hein ba ofisiye nyine bari bari kumwe ubu ngubu agiye kubara, agiye kubara akabara ati se dutera iyi ntambara twari bangahe? KAGAME yareba akireba, akareba iruhande akabaza ibituro ati hasigaye bangahe? Yabaza ibituro ntiyabaza abantu. Uhum! Ubwo rero hajemo n'ibyitso, ibyitso bati "barabifunze" (arasetse) Kantano yansekeje kare ati "umugabo NKUBITO", hum! Ati "NKUBITO" Noheli ati "na we akuriho" ati "kubera ko wenda wigeze kugira icyo ukomoraho ku bibazo bye". Aa hein! NKUBITO azambaze byanjye nanjye nzamubaza ibye kubera ko umuntu yamubaza ati ibyitso, kandi njye NKUBITO naramubwiye nti kuri RTLM naramubwiye nti NKUBITO, ko uri

Umucamanza wivanga muri politike ushaka kugera he? Hum! Niba ufite Association des droits de l'homme, ee pour la défense des droits de l'homme, ibyo ni uburenganzira bwawe ariko rero ntabwo ari ikuvana mu mwuga wawe w'Ubucamanza! Ntabwo ari ibikuvanamo kuko umwuga ni umwuga, naho kujya mu miryango waba Umusaveri ukaba umu uu umuskuti cyangwa ukaba iki, n'Umuyohova cyanga ibindi ibyo ushaka waba byo. Hum! Waba byo, waba n'Umusederi cyangwa ukaba Umuemerenide, cyangwa ukaba Ijyogi cyangwa ukaba icyo ushaka, hum! Waba cyo ni uburenganzira bwawe upfa kuba wa bitagira icyo bihungabanya ku ku burenganzira bw'undi muntu ee uka ufite ubwawe. Yee, hum! Ati "rero" ati "jye" ati "njye nabishyizemo". Niba iyi Radiyo yayishyizemo azabanze asome amategeko, amategeko ashyiraho amaradiyo ariho, amategeko y'iki gihugu ariho dukurikira, amategeko y'ikiremwa muntu na we hubwo ni we uvuga ngo "aa arayarwanirira", arabizi, arabizi. Niba abizi rero azi impamvu ni ibanga ry'iwe ndabizi ko ari ibanga ry'iwe azi impamvu ibyitso byafunguwe. Arabizi kandi na twe turabizi kuko dukurikira. Nta mmunyamakuru utashobora gukurikira ngo avuge ati mbese biriya bintu byanyuze he? Byagenze bite kugira ngo bigende kuriya? N'uyu munsi azi ko intambara turimo, intambara turimo NKUBITO azi ko mbese ko atarwanira abantu bafatwa bavuye hehe na hehe ko bafatwa ko atajya mu rukiko ngo ababuranire ngo avuge ati bariya bantu bafashwe babita Inkotanyi hein babita Inyenzi ati abo bantu bazize iki? Ko atagenda ngo ababuranire agende abavane mu cachot cyangwa muri prison avuge ati aba bantu bararengana? Kuki atajyayo? Kuki atajyayo? Bo ubwabo baba biyemereye ko ari Inkotanyi kandi iziri mu makosa ziri hanze. Kuki atajyayo? Kuki atajyayo? Kuki atajyayo ngo agende aburanire izo Nyenzi? Kuki atajyayo? NKUBITO yagiye ajyayo akavuga ati afatiwe aha ngaha akirukanka kugira ngo pour la défense des droits de l'homme? (Arasetse) arasetsa! Barya menshi, baryamenshi hari azabahagama! Hari azabahagama, barya menshi. Barya menshi hari azabahagama, NKUBITO rero ubwo ndakuramukije muri uyu mugoroba njyewe kunkurikirana HITIMANA Noheli, aha ha haa ndi agati kateretswe n'Imana kadahungabanywa n'umuyaga kandi njye napfuye kera, ahaa uzaburane n'umuzimu nta kibazo gihari. Nta kibazo gihari.

Ubu ndaramutsa abantu batuye munsi yo kwa MAYAKA kuri Ciné El- May, nkaramutsa uwitwa Shabani Djuma mwene Djuma ni Umugande, mwene Djuma ni Umugande, uwo Mugande rero, uwo Mugande yasibye amayira kubera ibimodoka bishaje yarunze mu muhanda. Haa! Rero

buriya arabona uwo Djuma, Djuma Shabani, Djuma Shabani yatumye nta umuntu yajya kurangura akantu kwa ee kwa ka kwa KAVUMBI, kwa KAVUMBI nta n'imodoka y'umutekano yanyura, yahanyura kubera kubera ibyo bipande by'ibyuma bahita bakata bakajugunya mu nzira, hee hein namubwira nti ese wowe Djuma Shabani hum nka Mariya akubajije ati Mariya akora muri Baque. Akubajije ati imodoka yantwaraga ubu ngubu imfatira he? Yamusubiza iki? Hum! Njyewe narahanyuze. Narahanyuze ejo tubura aho tunyura nta kuntu ni Umugande. Nta kuntu rero Umugande yaza mu Rwanda n'iyo yaba ari n'Umunyarwanda ngo afunge amayira kubera ko akoze igaraje mu muhanda ashyizemo ibintu by'ibi ibintu b yose hum! Umuntu aramubaza ati ee Mustafa si we? Nka Mustafa azanyure he ko ari umuturanyi wawe? Nakoze ankete, nakoze ankete. Hum! Nta hantu rero wabona wanyura, niba rero umuntu wese ashatse kwiha kwi kwiha iki gihugu akiha ibintu bitagira ngo ni mu Nziba cyuho umuntu azakora n'amagaraje mu muhanda ntibishoboka! Ntibishoboka. Uhuum! Ubwo ndi buze kugaruka kuri Nyamirambo, Nyamirambo uyu munsi nyifitiye ee akadosiye ndagenda mbaganirira kuri Nyamirambo kugira ngo hariya mu gace, ni agace nzi neza nakozemo ankete ejo kugira ngo turebe ukuntu twagira umutekano. (Musique) (inaudible) umurego, nimukomere, mukomere mukommere aha haa! Programu zabo tuzahya tuzimenya (inaudible) tuzazimenya tuzaba turi toujours prêts nta kibazo kihari buri gihe tuba twiteguye. Nta kibazo gihari hapfa uwavutse.

(Inaudible) mu minota cumi n'itanu turaba dufite i saa moya hano i Kigali (arasetse) nababwiye ko mfite akadosiye muri uyu mugoroba ka Nyamirambo, Nyamirambo rero itangirira hehe? Nyamirambo itangirira kuri TSF hano hino ukanyura hariya ku bitaro, ukanyura hariya ku bitaro, ukanyura muri Camp militaire ukazamuka kuri ONATRACOM, ukanyura iriya Gitega yose, ukanyura Biryogo ukanyura Nyakabanda noneho ukazamuka ukazagera ee mbese na na Kimisagara agace kamwe bayita Nyamirambo ukagera muri Segiteri Nyamirambo ukaba wagera u Rugarama kwa ba Shweku, hum! Kwa ba Sweku ukajya ku musigiti w'abayisilamu wo ha kurya bahita hose i Nyamirambo kugera muri Mont Kigali. Ariko rero mu Biryogo, mu Biryogo ubu ngubu twa... twabajije turareba kuko nakoze ankete yanjye ejo mu Biryogo hee! Harimo abantu bafite ubumwe n'Inkotanyi, harimo abantu bafite ubumwe n'Inkotanyi bikomeye, bikomeye cyane ku buryo bushi... bushize nk'ahafatiwe Lieutenant Eric, Lieutenant Eric yarahafatiwe ndetse n'ingofero ye ndamubwiye nti nashaka azaze mwereke aho iri, aho iri

ingofero ye yanditsemo na matricule ye n'amazina ye, ingofero rero bamufatanye hariya kwa Nyiranuma mu Kinyambo. Ariko rero hari abandi babaye Inkotanyi, uwitwa ZUBERI Mariko, Mariko ZUBERI haa haa! Uraho? Uraho Mariko ZUBERI (arasetse) Mariko ZUBERI yahoze atunda ibitoki i Kibungo uyu muntu yahoze atunda ibitoki i Kibungo hum ehee! Aha amafaranga y'Inkotanyi rero amaze kwiguriramo ikizu cya rutura, amaze kwigurira ikizu cya rutura mu mafaranga y'Inkotanyi, hee ubwo rero ntabwo azajya yiyoberanya, hum! Ahubwo ni uko ajya abeshya ngo ni Interahamwe. Kubeshya rero ngo "uri Interahamwe" kandi abantu bose bazi kugukontrola bagasanga ahubwo uri Inkotanyi, ibyo ngibyo ni ikindi kibazo. Icyo ni ikibazo bizaba nko mu Ruhengeri igihe bamanutse mu birunga biyita ngo "ni abasederi" bagatsembatsemba abantu bose b'aho ngaho bababeshya ngo "ni abasederi" abandi bakabakiriza amashyi n'impundu ngo "ni abasederi bamanutse" haa na we ni uko abeshya ko ari Interahamwe ariko ari Inkotanyi, birazwi. Iyo hafashwe rero Inkotanyi y'Umututsi mwene wabo we abyifatamo ate? Azavuge ukuntu ajya ababara n'ukuntu ajya abivuga n'ukuntu aho anyuze avuga ngo "aa" bikamurya bikamutera ibibazo. Hum! Areke kwiyoberanya, aareke kwiyoberanya.

Mu Gitega, nyure mu Gitega ahaa (aseka) ndamutse Konseye, ndamutse Konseye, Konseye akomere! Akomere kandi akomeze ijisho hein! Hee akomeze kureba neza kubera ko mu Gitega harimo abantu beshi, harimo abantu benshi n'Inkotanyi zirimo, zirimo, zirimo n'umusaza, umusaza ukunda kujya kuri CND, hum! utuye iruhande rwa haa iruhande rw'abantu ba MDR akaba atuye iruhande rwa Mustafa, uwo musaza ku Gitega atuye iruhande rwa Mustafa, nta munsi w'ubusa atajya kuri CND yambaye ikanzu. Hum! Afite ijisho r'umuturi ubwo nanze kuvuga n'izina rye ariko abtuye ku Gitega baramuzi. Afite ijisho ry'umuturi rimwe ni rizima irindi ni umuturi. Nta gihe atajya kuri CND nta munsi w'ubusa atajyayo. Hum! Iyo avuyeyo rero, amakuru ayajyana he? Amakuru ayajyana mu Biryogo. Amakuru ayajyana mu Biryogo muri bene wabo hum! Cya bene wabo, ba nde? Mbavuge se? Kwa GATARAYIHA Selemana, kwa wa mugabo w'igicumba NDAYITABI.

**Orateur : HABYARIMANA Juvénal, ex-président de la République :**

Intambara yari yahagaritse imikino yahagaritse ibyo kwidagadura, ariko rero intambara ntwabwo igomba guhagarika imikino. Icyanzanye aha ngaha rero ni ukugira ngo mbabwire ngo bakomeze

batere imbere bakomereze aho ngaho. Nahoze nganira na Perezida wa wa Rayon-sport maze ni na cyo maze kubwira abakinnyi bamaze gutsinda Soudani équipe ya Soudan aravuga ati "muzatubabarire na twe muzatsinde na Kenya kugira ngo abafana bacu muri Soudan bazabone yuko mukomeye". None mba... mbisabye abakinnyi ba Rayon-sport izo mbabazi Soudan yabasabye muzazitange maze mutsinde Kenya (applaudissements) (rire)! Kandi rero bambwiye ko (interruption et bruit) maze rero ibyo umbajije ibyishimo byabaye byose, ee umbajije uti "ese urabona mahirwe ki ku kipe ya Rayon-sport ubutaha"? Ubutaha (inaudible) kuzitanga tuka tukababarira Soudani tukabereka ko batsinzwe n'igihugu gikomeye, n'aba n'igihugu gifite abakinnyi bakomeye tugatsinda na Kenya ni cyo nakubwira.

**Orateur : HABIMANA Kantano :**

Nyakubahwa Prezida wa Repubulika se twakwizera ko mu icyo gihe mu nkunga muzadutera muzaza ku kibuga? (Aseka) (n'abandi baraseka)?

- Sinzi niba, sinzi ni ba no kuza ku kibuga naza (inaudible) umupira burya ndawukunda, umupira ndawukunda uretse ko imyaka igenda yiyongera, nahoze mbwira abo twari hamwe ko nkiri muto nakinaga umupira w'amaguru maze bakanshyira mu ba kabiri. Mu ba kabiri rero hari impamvu. Nta wahitaga! (Rires) ubwo se... umupira waramenekaga cyangwa waza wowe ukamene ukavunika ukuguru! (Rires) urumva rero ko aho mu ba kabiri nta wahitaga bigeze aho ngaho (inaudible) nza muri volley ball (inaudible) ni wo mupira nkunda ko kogeza équipe rero kuza ki ku kibuga si byo byonyine ariko bibaye ngombwa naza, nzaza vers la finale kugenda ubu turi kuri 8ème et puis le quart n'uko (inaudible) uko bizajya byiyongera ni ko (inaudible). Kandi rero (applaudissements) ii ikindi nakongeraho ntabwo twaje kushyigikira ikipe ya Rayo-sport gusa ngo ni uko yatsinze, twaje gushyigikira amakipe yose uko agerageza kuza mu mikino mpuza mahanga. Ari abatsinze twaje gushima, ari n'abatarashoboye gutsinda icya ngombwa (inaudible) tugomba gutsinda ariko rero kuba warateye intambwe ukagera aho ngaho na byo bikwiye gushimirwa ni yo mpamvu na za Kiyovu tuzishyigikiye, na za Mukura ejobundi n'ubwo itagize amahirwe menshi (inaudible) izo zose tura tura turazishyigikiye.

Nkaboneraho ndetse no gusaba urubyiruko kongera guhagurukira imikino nk'uko kera byari

bimeze intambara itaraza kandi bakerekana koko ko imikino ari uburyo bwo gushyira hamwe, ari uburyo bwo gusabana. Uzi ko (inaudible) gukina nta wubaza ngo ese uri Umuhutu? Ese uri Umututsi? Ese uvuka he? Urubyiruko rurahura rugakina (Inaudible) ruku ruka ruki rukishimira ubuzima. Rugashaka ko urubyiruko rwose rwakongera kwishimira ubuzima (inaudible) intambara ndakeka ko tusa (sic) n'abayivamo, dore amasezerano y'Arusha twashyizeho umukono azatugeza ndabyizeye ku mahoro koko maze rero urubyiruko rwongere rutange urugero rwo gusabana ari byo bizazamura u Rwanda. Ndibuka mbere y'iyo ntambara ee abantu...

**Fin de la face B.**